**A Ibikorwa bidasanzwe:**

- **Guhamagara abigishwa. Mariko 1:16–20.**
  - Igitabo cya Mariko kirangwa no kuba kigufi. Tudasomye ubundi Butumwa Bwiza, dushobora kwibwira ibitari byo ku byerekeye uku guhamagarwa kw’abigishwa.
  - Ntabwo bwari ubwa mbere aba bagabo bahuye na Yesu. Nk’abigishwa ba Yohana Umubatiza, bari baramwumvise avuga kuri Yesu, maze baramukurikira. Aba mbere babikoze ni Andereya na Yohana, bakurikirwa n’abavandimwe babo (Yohana 1:35–42).
  - Yesu abwiriza ari mu bwato bwa Petero, hanyuma habaho igitangaza mu burobyi. Urushundura rw’abavandimwe bane rwendaga gutanyurwa n’ubwinshi bw’amafi (Luka 5:1–7). Mu gihe Yakobo na Yohana bakururaga inshundura, Petero yijugunye ku birenge bya Yesu (Luka 5:8–11).
  - Yakobo na Yohana bahariye se inshingano zo kwita ku muryango, naho Petero na Andereya basiga ingo zabo kugira ngo baronke imitima. Mu kumvira irarika rya Yesu, bahinduye imibereho yabo, n’iy’abo ku isi yose.

**B Ibikorwa byo ku Isabato:**

- **Kwigishiriza mu isinagogi. Mariko 1:21–28.**
  - Ibitabo by’Ubutumwa Bwiza byose bisobanura neza ko kujya mu isinagogi ku Isabato kuri Yesu byari akamenyero ntabwo byari ibintu bidasanzwe (Luka 4:16).
  - Abantu bakiriye bate ubutumwa bwa Yesu? (Mariko 1:22).
  - Ariko si ko abantu bose bari bishimye. Umwanzi yahisemo kurogoya iteraniro, yizeye kuburizamo umurimo wa Yesu (Mariko 1: 23–26). Kidobya itunguranye ahubwo yatumye abantu barushaho kwemera Yesu (Mariko 1:27–28).
  - Ibintu bitatu bigaragara muri iyi nkuru:
    - **(1) Muri iryo torero harimo umudayimoni**. Mu itorero harimo “urukungu”, kandi ntidushobora kurutandukanya n’amasaka (Matayo 13:24–30).
    - **(2) Umudayimoni yari azi Yesu uwo ari We**, ashakisha uburyo bwo gutesha agaciro umurimo We.
    - **(3) Yesu yamutegetse guceceka**. Ntabwo cyari igihe cyo gutangaza ku mugaragaro ko ari Mesiya.
- **Gukiza indwara. Mariko 1:29–34.**
  - Mu gihe barimo bategura ameza, babwiye Yesu ibya nyirabukwe wa Petero, wari wibasiwe n’ubuganga (Mariko 1:30). Uyu mugore amaze gukira, yashishikariye kwita ku bashyitsi (Mariko 1:31). Imigisha Yesu aduha itera muri twe icyifuzo cyo kuyisangiza abandi.
  - Igitangaza cyo gukiza uwari atewe n’abadayimoni cyabaye ingingo iganirwaho cyane mu ngo nyinshi z’i Kaperinawumu. Bityo, nyuma y’amasaha yera y’Isabato, izuba rirenze, bazaniye Yesu abarwayi benshi kugira ngo abakize (Mariko 1:32–34).
  - Mbega ibyishimo! Mbega urusaku rw’ishimwe rwumvikanye mu nzu ya Simoni! Kandi ntabwo ari abakijijwe bishimye gusa, na Yesu ubwe yishimiye kubazanira gukira.

**C Ibikorwa bya buri munsi:**

- **Gusenga no kubwiriza. Mariko 1:35–39.**
  - Yesu ntiyakoraga ibyo yishakiye. Nk’ibisanzwe, yabanje kujya kuganira na Se kugira ngo amubwire icyo agomba gukora uwo munsi (Mariko 1:35; Yohana 8:28).
  - Buri munsi Yesu yakundaga gushaka Imana asenga, kandi aturarikira kumwigana (Mariko 6:46; Luka 3:21; 5:16; 9:18; 11:1; 18:1). Mu bihe bidasanzwe, yakeshaga amajoro asenga (Luka 6:12–13; Matayo 14:21–23).
  - Ese natwe ntidukwiriye kwigana Yesu dushaka Imana buri munsi dusenga kugira ngo tumenye ubushake bwayo? Ese ntibikwiriye ko mu bihe bidasanzwe, tuyishaka cyane cyane dusenga?
- **Gukiza indwara no gukomeza Amategeko. Mariko 1:40–45.**
  - Umubembe, washyizwe mu kato n’abantu bose kubera uburwayi bwe, yapfukamye imbere ya Yesu asaba gukira (Abalewi 13:45; Mariko 1:40).
  - Yesu yakoreye imbere y’imbaga y’abantu ikintu gihabanye n’amategeko: akora ku mubembe bityo afatwa nk’uhumanye. Ariko, aho kugira ngo Yesu yandure uguhumana k’umubembe, umubembe yakiriye gukiza kwa Yesu.
  - Iyo tuzaniye Yesu ibyaha byacu n’ibizinga byacu, ntatwītāza. Aduha imbabazi no gukira, akatweza nk’uko yera.
  - Amaze kumukiza, yatanze amabwiriza abiri afite intego ebyiri (Mariko 1:44):
    - (1) Wiyereke abatambyi: Yagaragaje ko akomeza amategeko; Yanahaye abatambyi amahirwe yo kumwakira nka Mesiya.
    - (2) Ntugire uwo ubibwira: Yaburijemo ko umutambyi yagira urwikekwe ku byerekeye uwo mubembe; Yirinze gukangura muri rubanda ibitekerezo byerekana ko ari Mesiya.